YUBILE Y'IMYAKA 25 Y'UBUSASERIDOTI YA PADIRI BURUSU VALERE SAFARI

Kuri uyu wa gatandatu tariki 10/06/2017, kuri paruwasi Stella Maris Gisenyi habaye yubile y'imyaka 25 Padiri BURUSU Valère SAFARI amaze ari Umusaseridoti. Ibirori byabimburiwe n'Igitambo cya Misa yatuwe na Nyiricyubahiro Musenyeri Anaclet MWUMVANEZA, Umushumba wa Diyosezi Gatolika ya Nyundo.

Byitabiriwe na Nyiricyubahiro Musenyeri Alexis HABIYAMBERE, umubyeyi wa Diyosezi Gatolika ya Nyundo, Nyiricyubahiro Musenyeri Gervas J.M. NYAISONGA, Umushumba wa Diyosezi ya Mpanda mu Gihugu cya Tanzaniya, Abasaseridoti baje bamuherekeje, abaturutse muri Diyosezi ya Goma muri Repubulika iharanira Demukarasi ya Kongo, Abasaseridoti benshi ba Diyosezi Gatolika ya Nyundo ndetse n'abakristu ba Paruwasi Stella Maris Gisenyi.

Mu nyigisho yatanze, Nyiricyubahiro Musenyeri Anaclet MWUMVANEZA yagaragaje ko padiri BURUSU Valère SAFARI ari umwanya abonye wo gushimira Imana kuko yubile ubwayo ari ibyishimo, ni umwanya kandi umuntu aba bonye wo gusubiza amaso inyuma akareba uko aba yarakoze ubutumwa. Umuhanuzi Yeremiya we ahabwa ubutumwa yabanje kubwanga yitwaje ko akiri muto nyamara Imana imubwira ko yamutoye ataranavuka kandi n'umusaseridoti ni uko. Yasabye abari aho gushimira Imana yamubaye hafi mu butumwa bwe yigisha Ijambo ry'Imana igihe n'imburagihe. Nk'uko Yezu avuga ko ibyo kurya bye ari ugukora ibyo uwamutumye ashaka, n'Umusaseridoti yakagombye gutungwa

n’Ijambo ry’Imana. Yasabye ko abantu bakomeza kwera imbuto nziza babera abandi urugero rwiza bityo aboneraho no gusaba Padiri BURUSU Valère SAFARI gukomeza kwera imbuto nziza kandi nyinshi.

Padiri BURUSU Valère SAFARI

Mu Ijambo yabwiye abari aho, Padiri BURUSU Valère SAFARI yavuze ko kuba Umusaseridoti wa Kristu ari igitangaza yagaragaje uruhare rukomeye umuryango avukamo wagize mu muhamagaro we, kuko Papa umubyara buri gihe yazindukiraga mu Gitambo cya Misa, ndetse na mama we agakunda cyane Isakramentu ry’Ukaristiya. Yagaragaje ko mu nzira ye yagiye ahura na byinshi bimurushya nyamara agakomezwa n’Ijambo ry’Imana n’isengesho. Yasabye abari aho kumusabira kugira ngo akomeze inzira uko bikwiye. Mu gusoza yagaragaje ko atazigera yicuza kuko yahisemo kuba Padiri kandi n’ubu yongeye kubazwa niba abishaka yasubiza yego.

Nyiricyubahiro Musenyeri Gervas J.M. NYAISONGA, Umushumba wa Diyosezi ya Mpanda

Mu ijambo rye Nyiricyubahiro Musenyeri Gervas J.M. NYAISONGA, Umushumba wa Diyosezi ya Mpanda mu Gihugu cya Tanzaniya, yagaragaje ibyishimo atewe n'uko Padiri BURUSU Valère SAFARI ahimbaje iyi yubile, anavuga kandi ko yize ari inyuma ye mu gihe cy'amashuri akaba yarabonye ko uko ari muremure akanaba munini ari nako umutima we ungana kuko ahora yishimye kandi akagira umutima mwiza. Yasoje ijambo rye ashimira uko we n'abo bari kumwe bakiriwe atumira n'abazabishaka bose muri Diyosezi ayobora kuko amarembo akinguye.

Nyuma hakurikiyeho ijambo rya Nyiricyubahiro Musenyeri Anaclet MWUMVANEZA, Umushumba wa Diyosezi Gatolika ya Nyundo hamwe na Nyiricyubahiro Musenyeri Alexis HABIYAMBERE, umubyeyi wa Diyosezi Gatolika ya Nyundo bombi bashimiye Padiri BURUSU Valère SAFARI wahisemo kuba uwa Diyosezi Gatolika ya Nyundo ndetse akanahitamo ko Yubile ye ari naho ibera. Bahamagariye urubyiruko kurangwa n'umuco mwiza no gukunda isengesho kugira ngo babashe gukurikira umuhamagaro wabo uko bikwiye. Barishimira

kandi uko akomeje gusohoza ubutumwa yahawe muri Leta Zunze Ubumwe z'Amerika bwo kwiga anakora ubutumwa muri Paruwasi kandi byombi akabikora neza.

Chorale Intama za Yezu

Padiri Emmanuel BAMPORINEZA